D.2 Patrimoine culturel

Kohereza raporo y'igihembwe cya I

2001

Kibungo,kuwa 2/04/2001

REPUBULIKA Y'URWANDA
INTARA YA KIBUNGO
UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO,SIPORO
N'UMUCO. S/DCA

Copie à Hts ls
Div. - PC
- C.M.
- FKB
- PAE

Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko,Siporo
n'Umuco.
KIGALI.

Binyujijwe kuri Bwana Umukuru w'Intara ya
KIBUNGO.

REPUBULIKA Y'U RWANDA
INTARA YA KIBUNGO

IMPAMVU:Kohereza raporo
y'igihembwe cya I.

Date entrée : 12/04/01
N° Classement : 78.5[2]

Nyakubahwa,

Nejejwe no kubohererereza ku mugereka w'iyi baruwa raporo y'ibikorwa by'Urubyiruko,Siporo n'Umuco igihembwe cya mbere byo Mu Ntara ya Kibungo.

Mbashimiye uko muyakira.

Mbifurije amahoro.

Umuyobozi w'Urubyiruko,Siporo n'Umuco
mu Ntara ya Kibungo.
BAGOROZI Côme
P.O
MURISI Japhet

# RAPORO Y'IBIKORWA BY'URUBYIRUKO,SIPORO N'UMUCO Y'IGIHEMBWE CYA MBERE

INTANGIRIRO: -Ibikorwa by'Urubyiruko,siporo n'umuco muri icyi gihembwe cya mbere,ntibyabaye byinshi bitewe n'impamvu zinyuranye;kubera ahanini cyibanda gutegura no gusobanura gahunda y'umwaka mushya.

-Ikindi kandi habaye ibikorwa rusange mu Ntara ya Kibungo byasabaga ubufatanye bw'inzego zitandukanye kandi byari ngombwa ko biba; urugero ni nk'igikorwa cy'amatora yo ku rwego rw'Akarere hakaba harabaye inama zitandukanye zo gusobanura no gukangurira urubyiruko n'abaturage muri rusange kwitabira amatora no gutanga kandidatire ari benshi.

-Muri icyi gihembwe cya mbere nta raporo z'ibikorwa by'urubyiruko,siporo n'umuco twashoboye kubona bikorerwa mu turere kubera ihindagurika ry'abayobozi ryagiye riba muri iyi minsi ishize,hamwe nta ba Encadreur bari bagihari(basezeye),abandi bari muri icyi gikorwa cy'amatora, ubu hakaba hariho bashya aribwo bakimara kurahira.

-Naboneraho kandi no kubamenyesha ko abatorewe ubunyamabanga bw'urubyiruko,siporo n'umuco muri Nyobozi z'Uturere n'Imijyi ari bashya bakaba batari basanzwe muri iyo mirimo akaba ntawari usanzweho watowe kuwari yiyamamaje;ariko abatowe hafi ya bose bakaba bari basanzwe mu nzego z'urubyiruko ku rwego rw'Intara n'Uturere.

-Hari n'abandi bari muri komite z'urubyiruko ku rwego rw'Intara n'Uturere batorewe indi myanya muri Nyobozi z'Uturere.na Njyanama.

IBYAKOZWE: -Tariki 5/01/2001 i Rwamagana habereye inama yo kureba hamwe umushinga w'urubyiruko muri IRC aho ugeze,hari kandi no kureba uko imirimo yagenze mu rwego rwo gutangiza uwo mushinga no mu Karere ka Nyarubuye.Iyo nama yari ihuje Umuyobozi w'Urubyiruko muri MIJESPOC, Bwana NYANSHAYIJA David;Prezida w'Inama Nkuru y'urubyiruko,Bwana RUSIMBI John;Uhagarariye MIJESPOC/Kibungo,Bwana MURISI Japhet;Abahagarariye urubyiruko mu Karere ka Birenga na Rutonde;abahagarariye urubyiruko rw'Imirenge ya Rwikubo na Kibunga n'abakozi ba IRC/Kigali na Kibungo.

-Tariki 17/01/2001 i Kibungo habaye inama ihuje intumwa za MIGEPROFE n'iza MIJESPOC ziturutse i Kigali n'abagize inzego z'urubyiruko n'iza abari n'abategarugori mu rwego rwo kubakangurira kwitabira amatora no kuziyamamaza ari benshi no kuzashyigikirana.

-Tariki 13/03/2001 i Kigali kuri Stade AMAHORO habereye inama ihuje abayobozi b'Ishyirahamwe ryo guteza imbere Siporo y'abari n'abategarugori(A.N.P Sport Féminin) n'abayobozi b'urubyiruko,siporo n'umuco mu Ntara zose n'abahuzabikorwa b'inzego z'abari n'abategarugori.

Iyo nama ikaba yari yo gutegura imikino inyuranye mu Ntara zose mu rwego rwo gukangurira abari n'abategarugori kwitabira Siporo.

-Kuwa 23/01/2001 ku biro by'Intara ya Kibungo habereye inama yahuje Ubuyobozi bwa MIJESPOC/Kibungo,Umuhuzabikorwa w'umushinga w'urubyiruko muri IRC,Uhagarariye Ishyirahamwe"EJO NZAMERA NTE" muri Kibungo,abagize komite y'urubyiruko mu Ntara n'abahuzabikorwa b'urubyiruko mu Turere.

Ingingo z'iyo nama hari:

a) Gutegura imishinga
b) Kurebera hamwe amashyirahamwe y'urubyiriko akenewe mu rwego rw'Igihugu.
c) Ibintu n'ibindi.

Hakaba harateguwe umushinga munini wo kurwanya icyorezo cya Sida,ukaba waroherejwe muri Johns Hopkins University i Kigali mu rwego rwo gusaba financement.

## 2.IMIKINO

### a. FOOTBALL:

-Tariki 25/03/2001 ku kibuga cya Paruwasi ya Kibungo habereye umukino wa nyuma(finale) wasozaga Shampiyona y'umupira w'amaguru mu rwego rw'Intara yahuzaga amakomini uko yari 11.Ukaba warahuje ikipe y'Umujyi wa Kibungo n'iy'Akarere ka Kabarondo.

Ikipe ya Kabarondo niyo yegukanye igikombe cya shampiyona y'umwaka 2000 itsinze ibitego 3 - 2;ikaba yaranahembwe imyenda yo gukinana. Ikipe ya Kibungo yabaye iya kabiri ihembwa amafranga Ibihumbi mirongo itatu(30.000Frw)ahwanye n'imipira ibiri yo gukina. Iyabaye iya gatatu ni ikipe y'Akarere ka Rukira ihabwa umupira umwe.

-Kuwa kane tariki 29/03/2001 hijihijwe umunsi mukuru w'abari n'abategarugori kw'isi,ibirori byashojwe n'umupira w'amaguru wahuje abakobwa b'Umujyi wa Kibungo n'i'Akarere ka Mirenge. Ikipe ya Kibungo yatsinze iya Mirenge ibitego bitatu ku busa(3-0). Iya mbere yahembwe umupira wo gukina naho indi ihabwa amafranga Ibihumbi bitanu(5.000Frw).

### b. VOLLEBALL:

-Kuwa gatandatu tariki 17/02/2001 i Rwamagana habaye irushanywa mu mikino inyuranye(Football,Volleyball,Basketball na Handball) hagati y'amashuri yisumbuye y'Intara ya GISENYI na KIBUNGO. Uretse Volleyball mu bakobwa na Handball mu bahungu,indi mikino Gisenyi yarayitsinze.

-Tariki 24 - 25/02/2001 i Kibungo habereye irushanwa mu mikino w'intoki(Volleyball) yahuje abanyeshuri b'amashuri yisumbuye b'icyiciro rusange(Tronc commun).Nyuma y'imikino yijonjora habonetse akina umukino wa nyuma,ariyo:

Abahungu: IPM na ASPEK;Ishuri rya IPM niryo ryatsinze amaseti 3 - 2.
Abakobwa: IPM na ASPEK; " " ASPEK " " " 3 - 1.

3.IMIKINO NGORORAMUBIRI(Athlètisme).

-Kuwa 3-4/03/2001 i Kigali kuri Stade AMAHORO,habereye amarushanwa ngororamubiri mu rwego rwo rw'ijonjora abakinnyi bazajya guhagararira u Rwanda mu mikino ya "Cross-country"yabereye i Dublin muri Irlande kuwa 24 na 25 Werurwe 2001.

-Kuwa 29/03/2001 ku munsi mukuru mpuzamahanga w'abari n'abategarugori wabereye mu Karere ka Rukira habaye amarushanwa y'abakobwa yo kwiruka(athlètisme) urugendo rwa kilometero eshanu(5Km).

Uwa mbere:yahembwe amafranga;5.000
Uwa kabiri: " " ;4.000
Uwa gatatu: " " ;3.000
Uwa kane : " " ;2.000
Uwa gatanu: " " ;1.000

4.AMAHUGURWA

-Mu rwego rwo guteza Siporo imbere muri Kibungo,tariki 21 kugeza 28 Mutarama 2001 umuryango wa IRC ufatanyije n'ubuyobozi bwa MIJESPOC mu Ntara ya kibungo batangije amahugurwa y'urubyiruko(abahungu n'abakobwa) b'Akarere ka Nyarubuye yibanze ku mategeko yo gusifura no gutoza umupira w'amaguru,bakaba baranahuguwe ibyerekeye icyorezo cya Sida.

-Kuva tariki 20 kugeza 22 Werurwe 2001 i Rwamagana habaye amahugurwa y'urubyiruko rw'Umujyi wa Rwamagana yerekeye gutegura imishinga no gucunga neza ikigega mu rwego rwo gushyira mu bikorwa igenamigambi ryo ku rwego rw'umurenge n'Akarere.

-Amahugurwa nkayo kandi yarabaye ,kuva tariki 23 kugeza 25 Werurwe 2001 mu Mujyi wa Kibungo;urubyiruko rwahuguwe rwishimiye ayo mahugurwa kuko basanze azabagirira akamaro mu mibereho yabo n'urubyiruko baje bahagarariye,bifuza ko amahugurwa nkayo yahoraho.

GUSOZA:Gahunda y'ibikorwa by'urubyiruko,siporo n'umuco y'ibihembwe biri imbere ikazibanda mu bikubiye mw'igenamigambi ry'Intara bireba Serivisi yacu;ariko ibyo bikazagerwaho ari uko habayeho ubufatanye bw'inzego zitandukanye.